

**MICT**

UMURYANGO W'ABIBUMBYE

**Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga**

Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga ("MICT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze ari Yugoslavia (TPIY) nizimara kurangiza manda yazo ruzazisimbure ku byerekeranye n'ububasha, imirimo y'ingenzi, uburenganzira n'inshingano zari zifite. MICT ifite amashami abiri, rimwe riri Arusha muri Tanzania naho irindi rikaba i Lahe mu Buholandi.

## DISIKURU

**PEREZIDA**

(Iyi nyandiko igenewe gukoreshwa n'itangamakuru gusa. Ntigenderwaho mu mirimo ya MICT)

Arusha, Lahe, 7 Kamena 2017

### Ijambo Umucamanza Theodor Meron, Perezida w'Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga, yagejeje ku Nama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi ku itariki ya 7 Kamena 2017

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa namwe mwese muteraniye hano:

Nshimishijwe no kongera kubagezaho uyu muni ibimaze kugerwaho na MICT mu rwego rwo kurangiza inshingano zayo. Nshimiye kandi no kuba mfashe iri jambo imbere y'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi iyobowe n'igihugu cya Boliviya. Nifurije Boliviya amahirwe menshi mu murimo wo kuyobora iyi Nama muri uku kwezi. Ndifuzaga kandi gushima ibihugu bishya byinjiye mu Nama Ishinzwe Amahoro ku Isi kandi nitegereye kuzakorana na byo mu bihe biri imbere.

Mboneyeho kandi gushimira mbikuye ku mutima Inama y'Itsinda ryashyizweho bitanyuze mu nzira zisanze rishinzwe Inkiko mpuzamahanga, kubera inkunga yaryo ikomeye n'ukuntu yita kuri MICT. Ndashima by'umwihariko igihugu cya Uruguay kubera ubuhanga n'ubushobozi cyagaragaje mu kuyobora iryo Tsinda.

Hanyuma, ntibyababwirakomeye ndamutse ntavuze ku nkunga ihoraho kandi ishyigikira MICT itangwa n'Ibikoresho bishinzwe ibirebana n'amategeko biyoborwa mu buryo budasanzwe n'Umunyamabanga Mukuru Wungirije ushinze ibirebana n'amategeko akaba n'Umujyanama w'Umuryango w'Abibumbye mu by'amategeko, Bwana Miguel de Serpa Soares n'Umufasha w'Umunyamabanga Mukuru mu by'amategeko, Bwana Stephen Mathias. Ndabashimira byimazeyo bombi hamwe na bagenzi babo kubera inkunga badahwema gutera MICT

\* \* \*

Mu ijambo mbagezaho uyu muni, singaruka ku bibazo nasobanuye mu buryo burambuye muri raporo yanjye yanditse yatanze ku itariki ya 17 Gicurasi uyu mwaka, ahubwo ndavugaga gusa kuri bimwe mu bibazo n'ibintu by'ingenzi byabaye nyuma y'aho iyo raporo yanditse itangiye.

Mbere yo kuvugaga ku bintu bishya byakozwe na MICT, mbere na mbere ndabamenyesha ko nyuma y'aho mperukira imbere y'iyi Nama, Bwana Olufemi Elias yinjiye muri MICT nka Gerefiye wayo, aho yatangiye imirimo ye ku itariki ya 1 Mutarama y'uyu mwaka amaze gushyirwaho n'Umunyamabanga Mukuru. Bwana Elias arimo gukorana na bagenzi be bo muri TPIY kugira ngo MICT yitegereye gukora imirimo yose izasigirwa ya TPIY. Kuri icyo gikorwa, niteze ko TPIY nifungira imiryango mu mpera z'uyu mwaka, MICT izaba yihagiye kuri byose, harimo no ku byerekeranye n'ubushobozi bwayo mu buyobozi.

Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga  
Arusha, terefone: +255 (0)27 256 5376  
Lahe, terefone: +31 70 512 5691  
Imeyiri: [mict-press@un.org](mailto:mict-press@un.org)  
Dukurikire kuri [Facebook](#), [Twitter](#), [YouTube](#), [LinkedIn](#)

Ku byerekeranye n'imirimo y'ingenzi ya MICT yo guca imanza, nshimishijwe cyane no kumenyesha ba nyakubahwa bagize iyi Nama ko, muri rusange, MICT ikomeza gukora neza cyane umurimo wayo wo kuburanisha imanza. Koko kandi, MICT ikomeje kubona imirimo yerekeranye n'imanza igenda yiyongera. Mu mwaka wa 2012, MICT yatanze ibyemezo n'amategeko 25, 79 mu mwaka wa 2013, 192 mu mwaka wa 2014, 209 mu mwaka wa 2015 na 405 mu mwaka wa 2016. Kugera ku itariki ya 1 Kamena 2017, hari hamaze gutangwa ibyemezo n'amategeko 146. Ngomba no kuvuga ko mu mirimo yabo y'ubucamanza, abacamanza bafashwa mu buryo butaziguye n'itsinda rito ry'abanyamategeko n'abakozi bo mu Ngereko bagera kuri 25 bakorera ku mashami yombi ya MICT kandi bakora nk'ikipe ishyize hamwe, mu buryo bujyanye neza n'icyerekezo cy'iyi Nama ku birebana na MICT nk'urwego rumwe.

Mu gihe kirebwa n'iyi raporo, hari ibyemezo byinshi byatanzwe mu manza zikomeye zirimo kuburanishwa na MICT mu rw'iremezo no mu bujurire. Kuri iyo ngingo, nishimiye kubamenyesha ko urubanza rugomba gusubirwamo rwa *Stanišić na Simatović* ruteganyijwe gutangira mu cyumweru gitaha, ku Ishami rya MICT rya Lahe. Itangira ry'urwo rubanza, urwa mbere ruburanishijwe na MICT, ni intambwe ikomeye mu kazi ka MICT.

Imyanzuro y'ubujurire mu rubanza rwa *Karadžić* n'urwa *Šešelj* yatanzwe mu gihe kirebwa n'iyi raporo kandi imyiteguro yo kuburanisha izo manza mu bujurire irarimbanyije. Abacamanza bose baburanisha izo manza, uretse jyewe, bakomeje gukora imirimo yabo batari ku cyicaro cya MICT; bagahamagazwa gusa igihe izo manza zigiyeye gutangira kuburanishwa. Muri iyi raporo, harimo amatariki duteganya ko ari bwo izo manza zombi zizacibwa.

Ni ngombwa ko nshimangira ko imirimo y'ubucamanza ya MICT itagarukira gusa ku manza nini zimaze kuvugwa. Koko rero, MICT yakira kenshi ibyifuzo byerekeranye n'ibibazo bitandukanye birimo ibirego byo gusuzugura Urukiko n'ibirebana n'ihame ryo kudakurikiranwa kabiri ku cyaha kimwe, ibyifuzo bisaba gusubirishamo urubanza, ibyifuzo byo gufungurwa mbere y'uko igihe cyose cy'igifungo kirangira n'ibyifuzo bisaba kubona amakuru y'ibanga. Ibyinshi muri ibyo bibazo bishingwa Umucamanza umwe rukumbi ukorera kure y'icyicaro cya MICT kandi ni byo bigize igice kinini cy'umurimo w'ubucamanza wa MICT.

Igice kinini cy'ibyo byifuzo bitangwa n'abategetsi b'ibihugu n'abandi bantu bari mu manza ziburanishwa mu nkiko z'ibihugu bashaka kubona inyandiko z'ibanga cyangwa amakuru bibitswe na MICT. Koko rero, mu byemezo n'amategeko 366 byatanzwe kuva hagati muri Gicurasi 2016 kugera hagati muri Gicurasi muri uyu mwaka, 164 cyangwa hafi 45% muri byo byerekeye ibyifuzo bisaba guhindura ingamba zo kurinda umutekano [w'abatangabuhamy] naho ibindi byifuzo bisaba kubona ubuhamy cyangwa amakuru by'ibanga. Ibi bigaragaza intambwe ishimishije abategetsi b'ibihugu bamaze gutera bagerageza gushaka uburyo abakora ibyaha mpuzamahanga bikomeye babiryoza.

Igice kinini cy'ibyo bikorwa byo mu rwego rw'ibihugu kirebana n'imanza zoherejwe kuburanishwa n'inkiko z'ibihugu kandi zigenzurwa na MICT hashingiwe kuri Sitati yayo. Muri urwo rwego kandi hari hakozwe ibintu by'ingenzi mu gihe kirebwa n'iyi raporo: Urubanza rwa *Munyagishari* ruburanishwa mu Rwanda rwarasomwe ku rwego rwa mbere kandi, hashingiwe ku makuru yatugezeho, tumaze gushyikiriza Inama raporo yacu yanditse, iperereza ryakorwaga mu Bufaransa mu rubanza rwa *Bucyibaruta* ryararangiyeye.

\* \* \*

Muri make, MICT iragenda muri rusange itera intambwe ishimishije mu mirimo yayo yo kuburanisha imanza ari na ko igenda ikura amasomo mu mirimo ikora kandi inoza imikorere yayo aho bikenewe, kugira ngo akazi karusheho kugenda neza kandi mu buryo budahenze. Cyakora, nk'uko abagize Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi babizi, iburanisha ry'urubanza rwa *Ngirabatware* mu mizi ryaradindiye kubera ko Umucamanza Aydin Sefa Akay akomeje gufungwa n'abategetsi ba Turukiya.

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Nk'uko abagize Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi babizi, Umujyanama mu by'amategeko yemeje ku mugaragaro ubudahangarwa bwo mu rwego rwa diporomasi bw'Umucamanza Akay mu Ukwakira 2016. Nk'uko kandi nabigejeje kuri iyi Nama nyuma y'aho gato, kudakemura icyo kibazo mu buryo bwubahiriza uburenganzira bwihariye bw'Umucamanza Akay, hashingiwe ku Ngingo ya 29 ya Sitati ya MICT, bibangamira uburyo iyi Nama yateganyije butuma Abacamanza bakorerera ahandi hantu hatari ku cyicaro cya MICT nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 8 ya Sitati. Ikintu gikomeye kurushaho ni uko, kunanirwa gukemura icyo kibazo mu buryo buboneye bibangamira ihame ry'ubwigenge bw'ubutabera kandi ari bwo hame fatizo ry'urwego rwose rw'ubutabera ryubahiriza imikorere igendera ku mategeko.

Ibintu byakomeje kurushaho kumera nabi muri uyu mwaka kubera ko Turukiya yanze kubahiriza, nta kuzarira bikabije, itegeko ryatanzwe na MICT muri Mutarama 2017 ryasabaga icyo gihugu guhagarika ibikorwa byose byo gukurikirana Umucamanza Akay no kumufungura. Aho kubahiriza izo nshingano ibihugu bigomba kubahiriza hashingiwe ku bivugwa Mutwe wa VII w'Itegeko Shingiro ry'Umuryango w'Abibumbye, Turukiya yatangiye kuburanisha Umucamanza Akay mu ntangiriro z'uyu mwaka kandi urubanza rwagiye rusubikwa kenshi kuva icyo gihe.

Mu byumweru bibiri, Umucamanza Akay azaba amaze amezi atari muni y'icyenda afunze. Nta gushidikanya, icyo ni igihe kirekire cyane bikabije kugira ngo ikibazo cy'ifungwa ry'umucamanza wo mu rwego mpuzamahanga gikemurwe, hatitaweho urusobe rw'ibibazo byo mu rwego rw'amategeko bijyanye na cyo. Kureka ibintu bigakomeza uko bimeze si ibyo kwihanganirwa, nkaba mpamagarira iyi Nama gufata ingamba za ngombwa zakenerwa kugira ngo iki kibazo kidasanzwe gikemurwe neza, hashingiwe ku biteganywa na Sitati ya MICT no ku nshingano z'ibihugu byose nk'uko zivugwa mu Mutwe wa VII w'Itegeko Shingiro ry'Umuryango w'Abibumbye.

\* \* \*

Nshimishijwe no kubagezaho ibintu by'ingenzi byabaye muri MICT biri mu byiciro bitatu.

Icyamba mbere, nk'uko ibihugu bigize iyi Nama bibizi, Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi ntiyahwemye kugaragaza impungenge zerekereye n'ibibazo bitarakemurwa by'abantu bagizwe abere n'abafunguwe kandi yahamagariye ibihugu gufasha mu gukemura icyo kibazo. Muri urwo rwego, nejejwe cyane n'uko, kubera umurava w'uwohoze ari Gerefiye, Bwana John Hocking, babiri mu bantu nk'abo bimuriwe mu gihugu kimwe cyo muri Afurika y'Iburengerazuba mu Ukuboza 2016. Ndashima byimazeyo icyo gihugu kubera ubufatanye bwacyo n'ibyo cyiyemeje gukora, nyuma y'uko Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi ihamagariye ibihugu byose kugira icyo bikora.

Kubera ibyo, umubare w'abantu nk'abo basigaye Arusha waragabanutse basigara ari 11. Gerefiye mushya wacu, Bwana Elias, ashishikajwe no gukomeza gushakira umuti icyo kibazo kibangamiye uburenganzira bwa muntu kimaze igihe kirekire, yubakira ku mubano MICT isanzwe ifatanye n'ibyo bihugu bireba no gushaka uburyo bushya ikibazo cy'abasigaye cyakemuka. Ndashishikariza ibihugu bigize Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi gukomeza gushyigikira MICT mu byo ikora kugira ngo icyo kibazo gikomeye gikemurwe burundu.

Ku byerekeranye n'irangiza ry'ibihano, nejejwe no kuvuga ko, muri Gicurasi, MICT na Guverinoma ya Benin byasinye amasezerano yasubiwemo yerekeye irangiza ry'ibihano. Ayo masezerano agaragaramo imikorere myiza ngenderwaho mu bijyanye n'icyo kibazo kandi ashimangira kurushaho umubano ukomeye igihugu cya Benin n'Umuryango w'Abibumbye bimaze imyaka myinshi bifatanye.

Hagati aho, tugeze mu cyiciro cya nyuma cyo gushyira mu bikorwa icyemezo cya Guverinoma ya Senegali cyo kwakira abagororwa umunani muri gereza yavuguruwe ibifatanyijemo n'Umuryango w'Abibumbye. Iyo nyubako nshya yagombye gutuma hatekerezwa uko abagororwa bose uko ari icumi basigaye muri Gereza y'Umuryango w'Abibumbye, Arusha, bakwimurwa kugira ngo barangize ibihano byabo.

Ndashimira mbikuye ku mutima izo guverinoma zombi kubera ibyo ziyemeje gukorana na MICT zivuye inyuma mu rwego rw'ingenzi rwerekeye irangiza ry'ibihano. Ndashimira kandi ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye byakomeje kudutera inkunga, bityo bikaba na byo byaratubereye abafatanyabikorwa b'indahemuka mu bijyanye n'icyo kibazo.

Hanyuma, ndifuzza kwibutsa ko Ibiro bya Serivise z'igenzura ry'imbere mu Muryango w'Abibumbye (OIOS) byatangiye imirimo y'ibanze yo kugenzura akazi MICT ikora n'uburyo igakora, nk'uko byasabwe n'iyi Nama mu Cyemezo cyayo cya 2256 (2015). Njye na bagenzi banjye twiteguye gukoranira hafi na OIOS ubwo izaba isuzuma imikorere ya MICT no gukora ibishoboka byose kugira ngo iyo raporo y'isuzuma izabe ingirakamaro kuri iyi Nama no kuri MICT ubwayo.

\* \* \*

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa:

Muri iki gihe, isi, cyane cyane ibihugu bigize iyi Nama, ihanganye n'ibibazo byinshi mu rwego rw'imibanire y'ibihugu. Turimo kubona ko, ahantu henshi, hagenda hiyongera ibimenyetso byo gukemanga no gushidikanya ku nzego mpuzamahanga n'izo mu turere no ku byo zikora. Urebye, turimo kubona ibimenyetso by'uko abatuye isi bagenda bitandukanya n'icyerekezo gihuriweho cy'ibyo amahanga ashobora kugeraho aramutse akoreye hamwe

Mu buryo bwinshi, ibyo byose bishobora kuba bigaragaza ukuntu imibanire mu rwego mpuzamahanga igenda ihindagurika. Cyakora, ntidushobora kwemera ko ingorane z'igihe gito zimunga ibintu by'ingenzi Umuryango w'Abibumbye, by'umwihariko iyi Nama, wagezeho mu myaka 25 ishize mu rwego rwo gushimangira ubuyobozi bugendera ku mategeko no gutuma habaho uburyozwe kurushaho hashingiwe ku biteganywa n'amategeko mpuzamahanga. Ubu rero, ahari wenda kurusha mbere, ni igihe cyo gukora iyo bwabaga muri urwo rwego, kwigira no kubakira ku byahise ndetse no guharanira buri gihe gukomeza kwesa imihigo ishimishije kurushaho uko ibihe bigenda bisimburana.

Murakoze.

\*\*\*